# RAFIKI Journal

Numero idasanzwe

2017

Yandikwa na Club Rafiki NGO



BP 952 Kigali / Telefoni : 0788 853 615 - 0738 853 615 / Email: clubrafiki@yahoo.com





## NI UMUNSI TUTAZIBAGIRWA



Anna yageze mu Rwanda atwaye moto iriho imizigo n' ibikoresho bimufasha muri uru rugendo



Urubyiruko ni inshuti y'akadasohoka y'ikoranabuhanga

# Intambwe 7 watera ugatangiza business nta mafaranga menshi bigusabye

Nkuko tubikesha urubuga www.umucuruzi.com rutubwira ko hari intambwe 7 watera ukaba winjiye mu mubare wabari gukora ubushahitsi dukunze kwita businesi, kandi izi ntambwe batubwira ko uzikurikije byanze bikunze buzinesi yawe idashobora gusitazwa n'ikibonetse cyose.

### 1. Tangira ukora ibintu uzashobora, wumva bikurimo wakora ukabibasha kandi bikabyara inyungu, ureke gukora ibintu kuko bikuryohera kubikora cyangwa ubikora wiryohereza

Menya neza ko icyo ukunda n'icyo wakuramo amafaranga ari ibintu bibiri bitandukanye n'ubwo usanga abenshi tubyitiranya.

### 2. Reba ahantu hari ikibazo mu hagukikije

Business ishobora kukungukira amafaranga ku buryo bwihuse, ni Business ije gukemura ikibazo iki cyangwa kiriya. Itegereze neza urebe intege nke ziri mu zindi buzinesi zigukikije, uheraho wubake iyawe ikemura ibibazo.

### 3. Hora mu Bushakashatsi umenye icyo abakiriya bashaka, kurusha wowe ikigushimisha

Kumenya icyo ugura ashaka, bituma ufunguka mu mutwe kandi buzinesi yawe igahora ari nshyashya. Aha ni ho uzirikana ko icyo umuguzi akeneye none n'icyo azaba akeneye ejo hazaza bidasa, birahindagurika.

### 4. Tangira Business yawe nonaha

Gutangira Buzinesi ni nonaha. Buzinesi nyinshi burya ubona hari ubwo waba ukeka ko ba nyirazo batunganiwe ukurikije uko zimeze ariko mu by'ukuri nabo baba babona ko hari ibiburamo.

Kumva ko uzakora Buzinesi aruko ibintu byose bimeze neza ni ukwibeshya ndetse ni no kwitega umutego ukomeye aho ushobora kuba nta na rimwe uzigera ugira ibyangombwa nkenerwa byose muri Buzinesi yawe, ahubwo iki ingenzi cyane kikaba gutangira, Buzinesi ukajya uyinoza buhoro buhoro uyirimo

### 5. Menya ibiciro bikwiriye

Kuba ugurisha uhenze cyane cyangwa se uhenzwe bishobora gutuma Buzinesi yawe igwingira cyangwa se ikaba yasenyuka burundu. Shyira mu gaciro kandi ube indahemuka.

### 6. Menya uburyo bwa Kwamamaza Buzinesi yawe

Kumenyekanisha Buzinesi yawe bifite uruhare runini cyane mu gutuma hari icyo yakugezaho. Igihe cyose Buzinesi yawe itazwi bihagije, byanze bikunze izakwinjiriza amafaranga make ugereranije n'ayo wakwinjiza iramutse imenyekanye.

Uko Buzinesi yawe igenda ikura, geraho noneho wamamaza ku baguca amafaranga, ariko ubanze ube uzi neza ko hari icyo bizakumarira.

### 7. Shaka umujyanama muri Buzinesi yawe

Usanga bitoroshye kubona umujyanama, cyangwa se umubyeyi muri Buzinesi yawe.ariko buriya ni ngombwa kugira umuntu nkuyu ukugira inama mu bijyanye na buzinesi,

Uyu akenshi aba ari umuntu ufite experience muri Buzinesi byaba byiza akaba yarakoze Buzinesi isa n'iyawe. Uwo yifashisha ubunararibonye bwe akakuyobora, akakugira inama.

*Nta kazi k'umunyagara kabaho akazi tugashyire imbere ya byose*



# IJAMBO RY'IBANZE

Rafiki Journal

## Club Rafiki : urubyiruko rurashimira Perezida wa Repubulika warusuye



*Perezida wa Repubulika ageze muri Club Rafiki*

Nyuma y'iminsi mike Perezida wa Repubulika Nyakubahwa Paul Kagame atorewe kuyobora u Rwanda, ku wa 8 Kanama 2017, yasuye ikigo cy'urubyiruko cya Club Rafiki giherereye i Nyamirambo, maze urubyiruko rubarizwa muri icyo kigo rushima bimazeyo kuba umukuru w'igihugu yabasuye nk'uko urubyiruko runyuranye rwakomeje kubivugaho no kubiganiraho hagati yabo, uyu ni Desire wateruye agira ati : *''uru ruzinduko rwa Perezida mu kigo cyacu ni amateka akomeye ku rubyiruko tuzahora twumva ko urubyiruko dushyigikiwe.''*

Alia ni umukobwa ukiri muto wakoze mu ntoki z'umukuru w'igihugu yagize ati : *''ndishimye kuburyo burengeje urugero, sinzabyibagirwa.''*

Uruzinduko rw'Umukuru w'Igihugu muri Club Rafiki ruzahora rwibukwa n'urubyiruko rwose rw'u Rwanda kubera ijambo ryuzuye impanuro kandi rikorera ubuvugizi impano z'urubyiruko yabagejejeho.

Turishimye kandi tuzahora tubashimira Nyakubahwa.

**...Ubwanditsi ...**

# UBUMENYI N'IKORANABUHANGA

Rafiki Journal

## Club Rafiki : urubyiruko rurashima umuyoboro wa internet rwagejejeho

Uwavuga ko buri wese mu banyarwanda kugeza ubu yifuza kwibera mu ikoranabuhanga ntiyaba abeshye, iyo iyo ntero igeze ku rubyiruko iba imwe, ibi wabihamirizwa n'urubyiruko rwo mu kigo cy'urubyiruko cya Club Rafiki nyuma yo kugezwaho umuyoboro wa Interineti w'ubuntu urubyiruko rwagejejweho ku bufatnye hagati ya Minisiteri y'urubyiruko, Minisiteri y'ikoranabuhanga ku nkunga y'Akarere ka Nyarugenge. Nyuma yo gusurwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, urubyiruko rusanga uyu muyoboro uzarufasha gukora ubushakashatsi bugamije kuvumbura, bityo iterambere u Rwanda ruteze ku rubyiruko rwarwo n'abajene b'i Nyamirambo bakarushaho kurigiramo uruhare.

Ugeze mu kigo cy'urubyiruko mu masaha anyuranye usanga urubyiruko ruhugiye ku materefone ndetse n'abafite mudasobwa zabo bwite cyangwa abakoresha iz'iki kigo bahugiye mu makuru arufasha kugera kuri iyo ntego.

Emmanuel ni umwe mu bajene twasanze bahugiye cyane kuri Telefone ye, tumuvugishije yashidukiye hejuru nk'uvuye kure, yihutiye kudutangariza ko ahugiye kuri phone hari amakuru ari kureba agendanye n'uko yakwiteza imbere mu mwuga we wo gutunganya filimi.

Dusoza twababwira ko iki gikorwa urubyiruko cyegerejwe ari amahiwe urubyiruko rushimira ubuyobozi bwiza. **...Inkuru ya Niyonzima Said...**

**Urubyiruko ni inshuti y'akadasohoka y'ikoranabuhanga**














# NI UMUNSI TUTAZIBAGIRWA

Ku gicamunsi cyo kuwa kabiri, taliki ya 8 Kanama 2017 nibwo ku kibuga cya club Rafiki, giherereye mu Murenge wa Rwezamenyo mu karere ka Nyarugenge, hari hateraniye abakinnyi, abatoza b'umukino wa basketball ndetse n'abayobozi mu nzego zitandukanye, baje mu gikorwa cyo gutaha ku mugaragaro, ibibuga by'imikino y'inoti bya Club Rafiki, cyasanwe n'umuryango Giants of Africa, ufasha abana b'abanyafurika mu kwerekana impano zabo mu mukino wa basketball.

Perezida Kagame wafunguye ku mugaragaro iki kibuga, mu butumwa yagejeje ku bari aho, yavuze ko ari igikorwa cy'ingenzi mu guteza imbere impano z'urubyiruko yagize ati: *"Urubyiruko ruri hano rw'abanyarwanda, rw'abanyafurika, bafite impano nyinshi muri bo, kandi izo mpano ntizihita ziboneka kugeza igihe baboneye amahirwe nk'aya mubahaye. Kuri ubwo rero ni igikorwa gikomeye mukoze. Kandi no muburyo bwagutse ni nako ibihugu bitera imbere, bijyanye n'amahirwe, bijyanye no gukoresha amahirwe ariko ibirenze ibyo bijyanye n'uburyo ayo mahirwe aboneka."*

Masai Ujiri washinze uyu muryango wa Giants of Africa nawe yemeza ko urubyiruko rwa Afurika rugomba guhabwa amahirwe:

*"Gusa usanga akenshi tuganira ku bintu dukenera ariko ntituganire ku bintu dufite,dufite urubyiruko muri Afurika,twahawe umugisha wo kubagira kandi tuzakomeza kubagira mu gihe kirekire kiri imbere, turi umwe mu migabane mito ku isi...kubera iyo mpamvu tugomba gufasha uru rubyiruko."*

Iyi ikaba ariyo mpamvu Perezida wa Repubulika Paul Kagame akomeza ashimira aba bafatanyabikorwa:

"*Kandi ntegereje kubabona incuro nyinshi ndetse no kongera nyuma y'aha kubabona muzana izindi nshuti nyinshi zimeze nkamwe,cyane abantu bafite Afurika, ndetse n'u Rwanda ku mitima yabo.Ni ibyishimo kuri njye kubana namwe hano ndetse no kubashimira kandi nizera ubufatanye burushijeho mu minsi irimbere."*

Bamwe bagenerwa bikorwa buyu muryango batangaje ko kubera ikibuga cyiza bagiye kugaragaza impano zabo mu buryo bwagutse.

Uyu muryango ukorera mu bihugu bitandatu byo muri Afurika aribyo Rwanda, Uganda, Senegal, Nigeria na Ghana harimo na ivory Coast.


*Inkuru dukesha www.rba.co.rw*

**...Ubwanditsi...**

# INGANZO N'ABAHANZI



## Tumenye Editions Bakame yandika ibitabo by'abana n'urubyiruko




Iyandikiro ry'ibitabo bigenewe abana n'urubyiruko b'u Rwanda rizwi nku izina rya Editions Bakame, rimaze imyaka irenga 20 ryegereza abo rigenewe ibitabo byanditse mu Kinyarwanda.

Editions Bakame yandikira abana n'urubyiruko imigani, inkuru ndende, ibitabo by'amashusho n'imfashanyigisho mu kinyarwanda.

Ibitabo bya Editions Bakame byakunzwe na benshi cyane cyane abana birimo ibyitwa "Humura shenge", "Umukobwa w'ingona", "Yifuje ubwiza", "Abana b'inkubaganyi", "Undutira abandi" ndetse n'ibindi.

Igitabo "Ubucuti bw'imbeba n'inzovu" cyahawe igihembo cyitwa Bologna Ragazzi New Horizon.

**Ubwanditsi**

BAKAME
Editions

# EJO HACU



## Anna, Umukobwa wiyemeje kuzenguruka isi kuri moto urubyiruko twamwigiraho iki?



Anna yageze mu Rwanda atwaye moto iriho imizigo n' ibikoresho bimufasha muri uru rugendo

Uyu mukobwa witwa Grechish-kina Anna, watangiye urugendo rwo kuzenguruka isi yiyicariye ku ipikipiki ye ku italiki ya 27 Nyakanga 2013, mu mujyi wa Kiev mu gihugu cya Ukraine, akaba yarageze ku butaka bw'u Rwanda ku wa 4 Nzeli 2017. Akaba amaze kugera mu bihugu 32 birimo 10 by'Afurika harimo n'urw'imisozi igihumbi. Nkuko uyu mukobwa abyivugira avuga ko intego ye ari ukuzenguruka ibihugu 50.

Uyu mukobwa ntiyariye iminwa mu guhamwa ubudasa bw'u Rwanda, aho yagize ati "U Rwanda ni igihugu gifite isuku ndetse gifite gahunda. Ibyo ubibonera mu baturage ndetse n'umurongo mugari igihugu gifite nyuma y'imyaka irenga 20 ishize rubayemo Jenoside yakorewe Abatutsi."

Akomeza avuga ko kuzenguruka isi ari inzozi yagize akiri muto maze amaze gukura ashaka uburyo bwo kuzishyira mu bikorwa.

Agira ati "Nkiri umwana muto natangiye kuyiyumvamo (moto) maze gukura ndayigura nyuma nkorera uruhushya rwo kuyitwara rwo muri Ukraine, maze kurubona nibwo natangiye kugira inzozi zo kuba nazenguruka isi nyifashishije binyuze mu mushinga wanjye nise " I have a Dream (Mfite inzozi)".

Kigali today dukesha iyi nkuru ikomeza ivuga ko uyu mukobwa namara kuzenguruka muri ibyo bihugu yiyemeje kugeramo azahita asubira iwabo urwo rugendo rwose akarwandikaho igitabo.

Twasoza twibaza ngo *''wowe inzozi zawe ni izihe?''*

***Inkuru ya Omar Tony***

# ESE NIBYO ?






## Ibintu 10 Ugomba gukora mbere y'uko ugira imyaka 30

1. Iga gukoresha neza amafaranga,
2. Shaka inshuti nyanshuti kandi ugumane nayo
3. Reka gukomeza kubana n'ababyeyi cyangwa se kubana na bagenzi bawe
4. Guca ukubiri n'amaraha adafite icyo yakugezaho,
5. Wite ku buzima bwawe cyane
6. Kugira inshuti zikungura ibitekerezo n'inama zubaka
7. Tangira ugure imitungo nk'ubutaka, inzu, imodoka, ibikoresho byo mu rugo n'ibindi...
8. Iga kwambara neza byiyubashye mbese bitari ibyo kunezeza rubanda gusa,
9. Reka imikino ya cyana
10. Koresha igihe neza.

# IJAMBO RY'UBWENGE



☞ Intwari ntizifuza ko hari uwakurikira indi nzira itandukanye n'iyazo,

☞ Ubukire bw'umukene ni ubukene bwe,

☞ Ubuzima ni uruhererekane rw'amahitamo,

☞ Niba ushaka kuba ikaramu y'igiti nziza ngo wandike umunezero ku mutima wa mugenzi wawe gerageza kuba gome nziza yahanagura umubabaro uri ku mutima wa mugenzi wawe.

☞ Ese bisaba iki ngo uhandura yumve ko agahwa kari k'uwundi kababaza

☞ Uko mugabanya gufata iriya nkunga idakwiye ni ko nzajya nzamura ikwiye

☞ Buhoro buhoro amazi acukura mu ibuye

☞ imbuto ni iza bose ariko ubutaka ntibugira nyirabwo,

☞ Buri muntu azagira iminota 15 yo kuba icyamamare,

☞ Ubudasa bwacu bugomba no kugaragarira mu butabera bwacu iwacu.

Omar Tony NSENGUMUREMYI

# HIRYA NO HINO





## Umwana w'imyaka irindwi akurura imodoka ipima toni 1,85

Uwo mwana apima ibiro 50 mu gihe abana bo mu kigero cye ngo baba bapima ibiro biri hagati ya 20 na 35. Yang Jinlong agaragara nk'umwana ufite imbaraga zidasanzwe ugereranyije n'abandi bana bo mu kigero cye. Ngo abasha ngo kwikorera imifuka y'ingano ipima ibiro 40, ndetse n'iyisima ipima ibiro ijana; nk'uko ikinyamakuru Daily Mail cyabyanditse.

***Desire KAVUTSE***

# IMIKINO



## BONEZA BALL UMUKINO WAHIMBWE N'UMUNYARWANDA

**Boneza ball ni umukino nyarwanda wahimbwe n'umunyarwanda Ngirinshuti Jonas ukomoka mu karere ka Rusizi,**

yu mukino urimo kugenda umenyekana gahoro gahoro, Jonas yemeza ko kuri ubu yamaze kubona bimwe mu byangombwa byawo aho mu mwaka wa 2011 yahawe Icyangombwa n'Ikigo cy'igihugu kcyIterambere(RDB).

Jonas Ngirinshuti wahimbye uyu mukino ni umunyabugeni ushushanya akaba n'umuhazi aho aririmba Indirimbo zihimbaza Imana. Kuri we asanga uyu atari umukino we nkuko bimwitirirwa ahubwo ari impano y'Abanyarwanda bose.

Ngirinshuti Jonas wemeza ko uyu mukino wavuye mu nzozi yagize, yadutangarije ko nyuma yo kuwigaho agasanga havuyemo umukino ufatika, yaje gushyiraho n'amategeko awugenga. Yagize ati:*Uyu mukino wahimbwe biturutse mu nzozi narose mbona abantu bari gukina umukino nanjye ntabashije gusobanukirwa nibwo nicaye nywigaho mbona havuyemo umukino ufatika ari nabwo natangiye gushyiraho amategeko azajya awugenga".*

Boneza ball ni umukino ukinwa n'abakinnyi batandatu muri buri gice cy'ikibuga. Abakinnyi baba bakinisha amaguru n'ibindi bice by'umubiri, amaboko nayo akaba yemewe mu guhana ikoso no mu gutangiza umukino. Buri kipe igira umwataka umwe ukinira mu gice cy'ikibuga cyabo bahanganye. Ikipe ihinduranya imyanya uko igiye gutangiza umukino umupira uyigarukiye.

Uyu mukino twese turasabwa kuwuteza imbere mu rwego kurushaho gukomera ku Budasa bwacu

**...Inkuru ya Sibomana Steve...**



Boneza Ball umukino urubyiruko rwakiranye yombi, ukwiye kugezwa hose no kuri bose

# BYENDA GUSETSA



*Umukobwa yahamagawe na number atazi namwe munyumvire akaga yahuye nako:*

***Umugabo:*** *Bite byawe? Amakuru?*

***Umukobwa:*** *Ni byiza. Amakuru ni asanzwe!*

***Umugabo:*** *nshaka kukubaza akabazo k'amatsiko! Ufite boyfriend?*

***Umukobwa:*** *Yeah ndamufite rwose!*

***Umugabo:*** *Ah! Ok ni papa wawe, ndaje ubinsobanurire! Nanjye nkayoberwa impamvu utagikurikira neza mu ishuri!*

*HASHIZE AKANYA INDI NUMBER ATAZI IRAMUHAMAGARA :*

***Umugabo:*** *Bite se? Amakuru ya wa boyfriend wawe se?*

***Umukobwa:*** *Reka da ntawe twarashwanye naramuretse rwose!*

***Umugabo:*** *Hum?? Ubwo koko uranyihakanye cherie?*

***Umukobwa:*** *Oh! Ese ni wowe sweetheart? Nari nagizengo ni cya gicucu ngo ni papa kimfuhira kubi! Sha cyatumye nsigaye numva kintera isesemi kubera kimbuza amahoro!*

***Umugabo:*** *ok! Sawa ni ah'ejo ni papa wawe nagirango mbe sure niba koko ufite boyfriend!*

***Steve SIBOMANA***

# Twirinde guhohotera abandi






Wari uziko ibikorwa nk'ibi ari ihohoterwa ku rishingiye ku gitsina, Wowe ugendera mu nzira nkizi urarye uri menge amategeko arakureba ubifatiwemo wabihanirwa bikomeye, ibaze nawe ufunzwe imyaka itagira ingano uzira guhutaza uburenganzira bwa mugenzi wawe kandi nta n'inyungu wakuyemo